KOPERATIVE COMIKAGI
INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA GAKENKE
UMURENGE WA RULI

E-mail:comikagi2030@gmail.com

**TEL. +250783419757 / +250788391641**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bwa COMIKAGI, Koperative ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Murenge wa Ruli, Akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru, buramenyesha ababyifuza bose kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku mwanya umwe w'**ushinzwe Ibikorwa** bya Koperative COMIKAGI (**Operations Manager / Chef des Opérations**).

## A. Ibisabwa kubifuza gupiganira uyu mwanya:

- ✓ Kuba afite Master's mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro (Mining) cyangwa ibindi bisa nabyo (Environnement na Geologie);
- ✓ Kuba afite uburambe nibura bw'imyaka ibiri mu micungire ya koperative bikaba akarusho;
- ✓ Kuba ari umunyarwanda;
- ✓ Kuba inyangamugayo;
- ✓ Kuba atarigeze afungwa igihe kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;
- ✓ Kuba azi kuvuga, kwandika no gusoma neza Ikinyarwanda, igifaranza cyangwa icyongereza.

## B. Zimwe mu nshingano Chef des Opérations azaba ashinzwe:

- Gukurikirana ibikorwa bya Koperative COMIKAGI bijyanye n'ubucukuzi
- Abiyobowemo n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, agomba gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;
- Gufasha Umunyamabanga nshingwabikorwa gutegura ibikorwa by'umwaka ndetse no gutegura raporo y'ibikorwa byakozwe,
- Gukurikirana imirimo yo gucukura, gutunganya umusaruro;
- Gukora raporo ya buri kwezi ikubiyemo ibikorwa byakozwe bijyanye n'ubucukuzi, umusaruro, umutekano n'iyubahirizwa ry'amabwiriza y'ubucukuzi.
- Kugira inama Umunyamabanga nshingwabikorwa icyakorwa kugira ngo ubucukuzi bw'amabuye burusheho gutezwa imbere;
- Guhagararira Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu nama zitandukanye yamwoherejemo;

- Gusimbura Umunyamabanga Nshingwabikorwa igihe adahari;
- Kwiga no gutegura birushaho ibikorwa by'ubucukuzi no kureba uburyo ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri koperative COMIKAGI bwatera imbere;
- Gufasha Umunyamabanga Nshingwabikorwa gukurikirana inyigo z'ubushakashatsi no gutekereza uburyo bwose bwatuma koperative igira ibirombe byinshi kandi bitanga umusaruro,
- Kumenya gufasha abakozi bo mu bucukuzi no kumva ibibazo byabo, gukemura ibibazo by'abakozi akuriye;
- Guhana abakozi akuriye mu buryo bwo kuganirizwa;
- Gushyikiriza Umunyamabanga Nshingwabikorwa abakozi bitwaye nabi;
- Gukurikirana no kumenya ingorane n'imbogamizi mu bucukuzi n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro bya koperative COMIKAGI agaha raporo umunyamabanga nshingwabikorwa,
- Gukorera abakozi akuriye igenzuramikorere buri mezi atandatu na buri mwaka;
- Gukora izindi nshingano yahabwa n'umunyamabanga nshingwabikorwa

Amadosiye asaba akazi akubiyemo ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w'Inama y'Ubuyobozi wa COMIKAGI; umwirondoro wuzuye (C.V) hariho n'abantu batatu bakuzi n'aho babarizwa; fotokopi ya Diplome iriho umukono wa Notaire; fotokopi y'indangamuntu n'icyemezo cy'umukoresha wa nyuma.

**==> Ayo madosiye agomba kuba yatanzwe ku biro by'Ubuyobozi bwa Koperative COMIKAGI mu minsi y'akazi bitarenze tariki ya 10 Mata 2026 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00). Abazaba bujuje ibisabwa, nibo bazahamagarwa gusa, bamenyeshwe umunsi wo**

**gukora ikizamini cy'akazi.**

**Bikorewe i Ruli, ku wa 02 Mata 2026**

**KAYITESI Béatrice**

**Umuyobozi wa Koperative COMIKAGI**

COMIKAGI
RULI - GAKENKE
COOPERATIVE MINIERE KABABARA GIKINGO

E-mail: comikagi2030@gmail.com Tel: 0783419757. Umurenge wa Ruli-Akarere ka Gakenke-Intara y'amajyaruguru Ubuzima gatozi: RCA-1225-2009 ryo kuwa 06 Ukwakira 2009